

Republic of Rwanda



MIGEPROF



Advancing Child Rights and Protection

RAPORO Y'INAMA NKURU Y' IGIHUGU YA 12 Y' ABANA



KIGALI, KUWA 07 UKUBOZA 2017



ISHAKIRO

IBISOBANURO KU MPINAMAGAMBO.....	iii
GUSHIMIRA	iv
Iriburiro	v
1. UKO INAMA NKURU Y' IGIHUGU YA 12 Y' ABANA YAGENZE	1
1.1. Intangiriro	1
1.2. Intego z' Inama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana	2
2. IBIKORWA BITEGURA INAMA NKURU Y'IGIHUGU YA 12 Y'ABANA.....	2
2.1. Inama zitegura Inama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana n' ingengabihe yazo	2
2.2. Ikiganiro n'Abanyamakuru.....	4
2.3. Imurikabikorwa by' Uburenganzira bw' Umwana.....	5
3. IMYITEGURO Y'ABANA.....	6
3.1. Amatora	6
3.2. Kumurika ibihangano by' abana.....	7
4. IBIKORWA BY' INAMA MU NGORO Y' INTEKO ISHINGA AMATEGEKO	7
4.1. Gutangiza Inama.....	7
4.2. Kugaragaza ishyirwa mu bikorwa ry' imyanzuro yafatiwe mu Nama Nkuru ya 11 y'Abana.....	9
4.3. Ijambo ry' uhagarariye abafatanyabikorwa.....	14
4.4. Ijambo rya Nyakubahwa Minisitiri w'Uburinganire n'lterambere ry'Umuryango	15
4.5. Ijambo ry'umushyitsi mukuru.....	16
4.6. Abatanze ibiganiro n'ibaganiriwe mu Nama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana.....	18
4.7. Ibibazo abana babajje n' ibitekerezo batanze	19
5. IMYANZURO Y' INAMA NKURU Y'IGIHUGU YA 12 Y'ABANA (RECOMMENDATIONS OF THE 12TH NATIONAL CHILDREN'S SUMMIT)	20
6. IGITARAMO CY' ABANA KU WA 07/12/2017.....	21
6.1. Ijambo ry' umushyitsi mu kuru mu gitaramo cy' abana.....	23
6.2. Guhemba ibihangano by' abana	24
6.3.Guhemba abanyamakuru banditse inkuru nziza ziteza imbere uburenganzira	24
6.4.Kwidagadurana n' umuhanzi.....	25
7. Umusozo.....	26
UMUGEREKA	a



IBISOBANURO BY'IMPINAMAGAMBO

CRPPO:	<i>Child Rights Protection and Promotion Officer;</i>
ECD:	<i>Early Childhood Development;</i>
ES:	<i>Executive Secretary;</i>
ICRP:	<i>Integrated Child Rights Policy;</i>
MC:	<i>Master of Ceremony;</i>
MIGEPROF:	<i>Ministry of Gender and Family Promotion;</i>
MINEDUC:	<i>Ministry of Education;</i>
MINIJUST:	<i>Ministry of Justice;</i>
MINISPOC:	<i>Ministry of Sports and Culture;</i>
MINIYOUTH:	<i>Ministry of Youth;</i>
NCC:	<i>National Commission for Children;</i>
NECDP:	<i>National Early Childhood Development Program;</i>
NPPA:	<i>National Public Prosecution Authority;</i>
NRS:	<i>National Rehabilitation Service</i>
NWC:	<i>National Women's Council;</i>
REB:	<i>Rwanda Education Board;</i>
RNP:	<i>Rwanda National Police;</i>
SOS:	<i>Save Our Souls;</i>
UNICEF:	<i>United Nations Children's Fund.</i>



GUSHIMIRA

Mu rwego rwo kurushaho guha abana uburenganzira bwabo bwo kugira uruhare n' ijambo mu bibakorerwa nk' uko bikubiye mu masezerano mpuzamahanga, amategeko, ingamba na Politiki y' Igihugu ikomatanya Uburenganzira bw' Umwana (*Integrated Child Rights Policy*), buri mwaka mu bufatanye bwa Leta y' u Rwanda n' abafatanyabikorwa, hategurwa Inama Nkuru y' Igihugu y' Abana ibanzirizwa n' inama ziyyegura zibera kuva ku rwego rw' Uturere kugera ku Midugudu; haganirwa ku myiteguro hakanahuzwa ibitekerezo by' abana bizaganirwaho muri iyi nama hanagaragazwa uko ibyifuzo byavuye mu nama iheruka byashyizwe mu bikorwa.

Muri uyu mwaka, Inama Nkuru y' Igihugu y' Abana ku nshuro yayo ya 12 yabereye i Kigali mu Ngoro y' Inteko ishinga Amategeko ku wa 07 Ukuboza 2017 ku nsanganyamatsiko igira iti "**Uburerere buboneye: Inkingi yo kubaka u Rwanda twifuza**".

Ni muri urwo rwego Minisiteri y' Uburinganire n' Iterambere ry' Umuryango (*MIGEPROF*) binyujijwe muri Komisiyo y' Igihugu ishinzwe Abana (*NCC*) bashimira inzego za Leta, iz' abikorera n' abafatanyabikorwa bagize uruhare ruziguye n' urutaziguye mu migendekere myiza y' iyi nama.
Mugire amahoro.

Dr. Claudine UWERA KANYAMANZA
Umunyamabanga Nshingwabikorwa



IRIBURIRO

Biturutse ku busabe bw'abana, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y' u Rwanda Paul KAGAME akabibemerera kuva mu mwaka wa 2004, mu Rwanda hategurwa Inama Nkuru y'Igihugu y'Abana ku buryo ngarukamwaka. Abana bitabira iyi nama akaba ari abana baba baratorewe guhagararira abandi mu gihe cy' imyaka itatu mu buryo bukurikira:

- Abana 416 bahagarariye abandi ku rwego rw'Umurenge (Umwana umwe ku rwego rwa buri Murenge);
- Abana 30 bahagarariye abandi ku rwego rw'Akarere (Umwana umwe ku rwego rwa buri Karere);
- Abana 30 bahagarariye abana bafite ubumuga (Umwana umwe ku rwego rwa buri Karere);
- Abana bahagarariye abana baba mu nkambi z'impuzi ziri mu Rwanda;
- Birashoboka kandi ko hari abandi bana bari mu byiciro bitandukanye bashobora gutumirwa muri iyi nama bitewe n'insanganyamatsiko iba yatoranyijwe.
- Rimwe na rimwe muri iyi nama hashobora no gutumirwamo abana bahagarariye abandi bo mubihugu duturanye byibumbiye mu muryango w' Afurika y' Uburasirazuba cyangwa abandi bateganyijwe.

0.1. Intego z'Inama Nkuru y' Igihugu y' Abana

Nk' uko bikubiye mu mahame, amatangazo n' amategeko mpuzamahanga, porogaramu, ingamba na Politiki u Rwanda rwashyizeho, Inama Nkuru y' Igihugu y' Abana igamije kurushaho guha abana umwanya wo kugaragaza ibitekerezo byabo no guha abana Amahirwe yo kugira uruhare mu miyoborere no mu bikorwa bindi binyuranye bigamije iterambere ry' Igihugu cyabo.

Nk'uko iyi nama ngarukamwaka isanzwe itegurwa, hagenwa insanganyamatsiko yihariye iba yatoranyijwe n'abana ubwabo igakorerwa ubugororangingo na Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abana n'abafatanyabikorwa bayo ikaba ari nayo yibandwaho mu mitegurire y'ibikorwa byose bijyanye nayo.

Kugera muri 2017 binyujije muri Komite y' Ihuriro ry' Abana, Inama Nkuru y' Igihugu y' Abana yabaye inshuro ya cumi n'ebiyiri (12). Inama zabanje zabaye hagendewe ku nsanganyamatsiko zikurikira:


- **2004:** Icyizere cy' umwana mu bumwe n' ubwiyunge: Kwicuza kw' abantu bakuru (*Unity and reconciliation*);
- **2006:** Twubake u Rwanda rubereye abana (*A Rwanda fit for children*);
- **2007:** Umwana muri gahunda y' amajyambere rusange y' Igihugu (*Children in the Country's development plan*);



- **2008:** Uruhare rw' abana mu kurwanya ingengabitkerezo ya Jenoside (*The role of children in fighting the Genocide ideology*);
- **2009:** Uruhare rw' abana mu kurwanya ihohoterwa ribakorerwa (*The role of children in fighting violence against children*);
- **2010:** Uruhare rw' abana mu burezi bubabereye (*Education fit for children and children's role*);
- **2011:** Amahirwe angana ku bana bose: Ibyagezweho ku Ngamba z' Igihugu z' Iterambere ry' Ubukungu no kurwanya ubukene "EDPRS" (*Children and Equity: our contribution to EDPRS*);
- **2012:** Uruhare rw' abana mu kwihesha agaciro (*The role of children in promoting their dignity*);
- **2013:** Abana n' umuco wo kwigira (*Children and Self-reliance*);
- **2014:** Imyaka 20 irashize: Dukomeze duteze imbere uburenganzira bw' umwana (20 years and beyond: *Advancing child rights in Rwanda*).
- **2016:** Uburere buboneye: Umusingi w' umuco (*Positive parenting: Foundation of Culture*).
- **Icyitonderwa:** Mu mwaka wa 2015, Inama Nkuru y' Igihugu y' Abana ntiyabaye bitewe n' igikorwa cy' amatora ya Komite nshya z' Ihuriro ry' Abana zasimburaga izari zicyuye igehe.



1. UKO INAMA NKURU Y' IGIHUGU YA 12 Y' ABANA YAGENZE



Abana mu Ngoro y' Inteko ishinga Amategeko

1.1. Intangiriro

Inama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana yari ifite insanganyamatsiko igira iti "***Uburerere buboneye: inkingi yo kubaka u Rwanda twifuza***" yahuje abana bahagarariye abandi mu Turere n' Imirenge bigize Igihugu, abana bahagarariye abana baba mu nkambi z' impunzi zose ziri mu Rwanda hamwe n' umwana umwe waje ahagarariye abana bari mu bigo byita ku bana b' inzererezi, abayobodzi bakuru b' Igihugu n' abafatanyabikorwa bakora mu byerekeye kurinda no kurengera uburenganzira bw' abana.



1.2. Intego z' Inama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana

Hashingiwe ku nsanganyamatsiko yayo, Inama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana yari igamije ibi bikurikira;

- ✓ Guha abana urubuga rwo gutanga ibitekerezo byabo no kugira uruhare mu bibakorerwa;
- ✓ Kugaragaza ishyirwa mu bikorwa ry' imyanzuro y' Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana;
- ✓ Kwibutsa ababyeyi inshingano zabo zo kwita ku bana babo no gutanga uburere buboneye;
- ✓ Kwibutsa abana inshingano zabo zo gukunda igihugu no gushimangira uruhare rwabo mu kukigeza ku iterambere rirambye;
- ✓ Gukangurira abafatanyabikorwa bose gufasha Komite z' Ihuriro ry' Abana kurushaho gukora neza no kuzuza inshingano zazo ku nzego zose zatoreweho.

2. IBIKORWA BITEGURA INAMA NKURU Y'IGIHUGU YA 12 Y'ABANA

2.1. Inama zitegura Inama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana n' ingengabihe yazo

Inama zitegura Inama Nkuru y' Igihugu y' Abana ni uburyo bwatekerejwe kuva mu mwaka wa 2011 na Minisiteri y' Uburinganire n' Iterambere ry' Umuryango hagamijwe guha abana umwanya wo gutanga ibitekerezo byabo ku nsanganyamatsiko igomba gutoranywa ikaganirwaho birambuye mu nama nyir' izina.

Ni muri urwo rwego kuva ku wa 21 kugera kuwa 24 Ugushyingo 2017, hakozwe inama z'abana zibanziriza inama nyir'izina zibera ku rwego rw' Utugari mu Gihugu hose zigamije kumenyekanisha gahunda y'Inama Nkuru ya 12 y'Abana no gukusanya ibitekerezo by' abana bizashingirwaho bikanaganirwaho muri iyo nama.

Izi nama zateguve kandi zikorwa mu buryo bukurikira;

- **Ku wa 21/11/2017:** Inama ku rwego rw' Akarere igamije gusobanura amabwiriza agenga inama zitegura Inama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana yahuje abakozi (2) b' Akarere, umwana uhagarariye abandi kuri buri Murende n'umukozi (1) wa buri murende ugize Akarere. Ubutumwa bwatanzwe n' umukozi wa Komisiyo y' Igihugu ishinzwe Abana afatanyije n' abafatanyabikorwa hagamijwe gутегура abayitabiriye kuzasobanurira abandi ku rwego rw' Umurende.
- **Ku wa 22/11/2017:** Inama yo ku rwego rw' Umurende igamije gusobanura ibikubiye mu mabwiriza agenga inama zitegura Inama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana zabereye ku rwego rw' Umurende. Hasobanuriwe ba Perezida ba Komite z'Ihuriro ry' Abana ku rwego rw' Akagari n' umukozi w' Akagari.



- **Ku wa 23/11/2017:** Inzego z' ibanze zakoze igikorwa cyo kumenyekanisha umunsi n'isaha by'inama no gutumira abana bazitabira inama zitegura Inama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana ku rwego rw' Utugari.
- **Ku wa 24/11/2017:** Inama nyir' izina zibanziriza Inama Nkuru y' Igihugu y' Abana ku rwego rw' Utugari zatumiwemo abana bahagarariye abandi ku rwego rw' Akagari, abana bagize Komite y' Ihuriro ry' Abana ku Mudugudu, abakuru b' Imidugudu n' abandi bana bose bashoboye kwitabira inama.

Icyitonderwa: Hari Uturere dufite abafatanyabikorwa bagize uruhare mu gutumira bana batumira Komite yose y' Ihuriro ry' Abana ku rwego rw' Akarere n' Imirenge haseguriwe ko byari biteganyijwe ko ba Perezida bo ku rwego rw' Imirenge aribo bagombaga kwitabira inama ku Turere n' Imirenge abandi bose bakitabira inama mu Tugari babarizwamo.

- **Ibyaganiriwe mu Nama zibanziriza Inama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana**

Abana baganiriye ku ishyirwa mu bikorwa ry' imyanzuro y' Inama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana barebera hamwe ibyagezweho, ibitaragezweho n' impamvu yabiteye bafata n' ingamba z' uburyo imyanzuro iba yafatiwe muri izi nama yajya ishyirwa mu bikorwa nk' uko biba byateganyijwe kandi nabo bakabigiramo uruhare.

Abana kandi basesenguye ibikubiye mu nsanganyamatsiko y' Inama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana ari yo "Uburerere buboneye: *Inkingi yo kubaka u Rwanda twifuza*" aribyo bikurikira:

- Igisobanuro cy' uburerere buboneye;
- Imyitwarire iranga abana igaragaza uburerere buboneye;
- Uruhare rw' abana mu kwimakaza uburerere buboneye mu muryango;
- Uruhare rw' ababyeyi mu kubungabunga uburerere bwiza bw' umwana;
- Uruhare rw' ubuyoboi mu guteza imbere uburerere buboneye mu muryango.

Muri izi nama kandi, hanasobanuwe amabwiriza azagenga ibihangano abana bazahimba hashingiwe ku burere buboneye mu muryango nyarwanda byagaragajwe ku wa 06/12/2017 baje mu Nama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana i Kigali binyuze mu marushanwa abana bagaragaje ibihangano byahize ibindi bahembwe n'abayobozi bakuru bitabiriye inama.



2.2. Ikiganiro n'abanyamakuru

Madamu Dr. UWERA KANYAMANZA Claudine, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y' Igihugu ishinzwe Abana wayoboye ikiganiro afatanyije n' uwari uhagarariye abafatanyabikorwa bakora mu byerekeye kurengera no guteza imbere uburenganzira bw' umwana Bwana Ted Maly uhagarariye UNICEF mu Rwanda, basobanuriye abanyamakuru bakorera ibitangazamakuru bitadukanye imyiteguro y' Inama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana n' iyubahirizwa ry' uburenganzira bw' umwana muri rusange.

Yasobanuriye abanyamakuru ko insanganyamatsiko y' uyu mwaka igira iti" ***Uburerere buboneye: Inkinci yo kubaka u Rwanda twifusa***" yatoranyijwe hagamijwe gushimangira uruhare rw' uburerere buboneye mu mibereho myiza y' umwana mu muryango no kwibutsa buri wese inshingano ze mu gutanga uburere bugamije gufasha umwana kugira imiyitwarire myiza, imwubaka, imufitiye akamaro kandi imufasha nawe kugira imibanire myiza n' abandi. Akomeza asobanura ko muri iyi nama azaba ari umwanya mwiza abana batangiramo ibitekerezo ku bibazo bikibangamira iyubahirizwa ry' uburenganzira bwabo batanga ibitekerezo n' uko byakemurwa. Yanashimangiye ko ari igihe cyo kwibutsa abafatanyabikorwa kurushaho gufasha abana bahagarariye Komite z' Ihuriro ry' Abana gukora no kugera ku nshingano batorewe.





Ikiganiro n' abanyamakuru ku wa 05 Ukuboza 2017 mu cyumba cy' inama cya Croix- Rouge y' u Rwanda

2.3. Imurikabikorwa ku burenganzira bw'umwana

Inama Nkuru y'Igihugu ya 12 y'Abana yabanjirijwe kandi n'imurikabikorwa ry'inzego za Leta, izigenga ndetse n'iz'abandi bafatanyabikorwa ba Leta ku bikorwa bitandukanye biteza imbere uburenganzira bw'abana. Muri iki gikorwa abana n' abayobozi bitabiriye bamurikiwe ibikorwa bigamije kurengera no guteza imbere uburenganzira bw'abana birimo iby'ubugeni, ububoshyi, inyandiko na "video" mu byimakaza uburere buboneye.





3. IMYITEGURO Y'ABANA

3.1. Amatora

Abana bitabiriye inama bageze i Kigali kuwa 05/12/2017. Ku mugoroba abana bitoyemo abazafasha kuyobora inama ndetse ubahagarariye akaba ari nawe uhagarariye abandi bana ku rwego rw' Igihugu. Abana batowe mu buryo bukurikira:

Umwanya yatorewe	Izina	Akarere
Perezida	Karasira Ange Patrick	Bugesera
Visi Perezida	Rugero Olsen	Rubavu
Umunyamabanga	1. Nuwayo Justine	Kayonza
	2. Ineza Kayitare Gloria	Kamonyi
Abayobozi ba gahunda (MC)	1. Mucunguzi Izere Joselyne	Nyaruguru
	2. Dukuzimana Vincent de Paul	Rutsiro

3.2. Kumurika ibihangano by'abana

Mu gihe hategurwaga Inama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana, ku wa 06 Ukuboza 2017, abana bamuritse ibihangano bateguye mu gihe biteguraga kuzitabira inama nk' uko byari bikubiye mu byo baganirijweho mu gihe cy' inama zibanziriza Inama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana bigizwe n' imbyino, ikinamico n' imihamirizo byimakaza uburere buboneye nk' umusingi wo kubaka u Rwanda twifuzza nk' uko bikubiye mu nsanganyamatsiko y' inama.



Abana bavuga umuvugo ku wa 06/12/2017

4. IBIKORWA BY'INAMA MU NGORO Y'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO

4.1. Gutangiza Inama

Nk'uko bisanzwe, abana nibo bayobora imirimo y'Inama Nkuru y'Igihugu y'Abana. Ibi bikaba birushaho gushimangira ihame ryo guteza imbere uburenganzira bw'umwana bwo kugira ijambo n'uruhare mu bimukorerwa. Ibi kandi bituma abana barushaho kwigirira icyizere no gutanga ibitekerezo bivuye muri bo

ubwabo ku ngingo zitandukanye z'iterambere ry'ighugu cyabo cyane cyane izijyanye no guteza imbere imibereho myiza y'abana.

Muri urwo rwego, umwana watorewe kuyobora inama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana niwe wabimbuye ubwo yagezaga ijambo ry' ikaze ku bitabiriye inama.



KARASIRA Ange Patrick, umwana watorewe kuyobora inama

Mu ijambo rye ry' ikaze KARASIRA Ange Patrick, umwana watorewe kuyobora iyi nama, yatangiye ashimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y' u Rwanda Paul KAGAME wabashyiraho Ihuriro ry' Abana n' Inama Nkuru y'Igihugu yabo nk' urubuga rubafasha gutanga ibitekerezo byabo, kandi binyuze mu matora bakaba bitorera ababahagarariye babafasha gutanga ibitekerezo byabo ku bibakorerwa no mu iterambere ry' Igihugu muri rusange.

Yasezeranyije abitabiriye inama ko mu izina ry' abana ahagarariye biteguye gutanga umusanzu wabo mu kwibutsa ababyeyi gutanga uburere buboneye no kugira uruhare rwabo mu kubaka u Rwanda twifuza. Yasoje asaba abafatanyabikorwa gukomeza kubashyigikira no gufasha Komite z'Ihuriro ry' Abana kurushaho gukora no kuzuza inshingano batorewe ku nzego zose.

4.2. Kugaragaza ishyirwa mu bikorwa ry' imyanzuro yafatiwe mu Nama Nkuru y' Igihugu ya 11 y'

Abana

Muri iyi nama, Umuyobozi w' ishami rishinzwe ibijyanye no kubera umubyeyi umwana nutaramubyaye, kurengera no guteza imbere uburenganzira bw' umwana, Bwana Francois BISENGIMANA yatangiye aramutsa abitabiriye inama by' umwihariko abana kuko iyi nama aribo bayiteguriye; nyuma agaragaza uko ibyifuzo abana batanze mu myanzuro y' Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana byashyizwe mu bikorwa nk' uko bikubiye mu mbonerahamwe ikurikira:

ISHYIRWA MU BIKORWA RY' IMYANZURO Y' INAMA NKURU Y' IGIHUGU YA 11 Y' ABANA

#	UMWANZURO	ISHYIRWA MU BIKORWA	ABAWUSHYIZE MU BIKORWA
1.	Gukurikirana ikibazo cy'abana bata ishuri no gushyira mu bikorwa ibihano ku babyeyi badashyira abana babo mu mashuri n'abatererana abana	Ababyeyi bafatanyije n'inzego z'ubuyobozi abana 9,475 bari barataye ishuri barisubijwemo	Uturere, Abafatanyabikorwa
2.	Kwinjiza mu nteganyanyigisho z'amashuri abanza n'ayisumbuye ibijyanye n'umuco n'imikoreshereze y'lkinyarwanda kandi bikigishwa mu mashuri yose	Ikigo cy'Igihugu cy'Uburezi (REB) cyashyizeho integanyanyigisho nshya yatangiranye n'Umwaka wa 2016 ijjanye n'imikoreshereze y'amabwiriza mashya agenga imyandikire y'lkinyarwanda	MINEDUC/REB
3.	Gushaka ibitabo bihagije bivuga ku mateka y' u Rwanda byanditswe mu rurimi rw'lkinyarwanda no kubyegereza abana	<ul style="list-style-type: none"> Minisiteri y'Uburezi ikomeje gahunda yo gushyikiriza amashuri ibitabo byanditswe mu Kinyarwanda; Amacapiro yigenga nayo akomeje gukora no gukwirakwiza ibitabo birimo inkuru z'abana mu Kinyarwanda (<i>Editions Bakame, Mudacumura Publishing House</i>) 	MINEDUC, Abafatanyabikorwa



4.	Gushyira ingufu muri gahunda yo kurerera abana mu muryango kandi bagahabwa uburere buboneye	<ul style="list-style-type: none"> Kuva Nyakanga 2016 kugera Nzeri 2017 abana 639 bakuwe mu bigo by'impfubyi basubizwa mu miryango; Kuva gahunda ya TMM yatangira kugeza ubu abana 2,933 bamaze gusubizwa mu miryango. 	MIGEPROF/NCC, Abafatanyabikorwa
5.	Gushyigikira gahunda y'umugoroba w'ababyeyi, bityo ugakemurirwamo ibibazo byinshi birimo n'ibihungabanya uburenganzira bw'abana	<ul style="list-style-type: none"> Minisiteri y' Uburinganire n' Iterambare ry' Umuryango yashyizeho Imirongo ngenderwaho y' Umugoroba w' Ababyeyi mu mwaka wa 2016. Umugoroba w' Ababyeyi winijije mu Mihigo y' Uturere tumwe na tumwe (Ngoma, Gisagara na Gatsibo) kandi mu Midudugu buri kwezi inama zawo zirakorwa hagakemurirwamo ibibazo bibangamiye umuryango muri rusange n'abana by'umwihariko 	MIGEPROF
6.	Gufasha abana gusura inzu ndangamurage n' inzibutso za Jenoside kugira ngo bamenye amateka y'Igihugu cyacu	Mu gihe cyahariwe kwibuka abana bishwe muri Jenoside yakorewe abatutsi abana mu bigo by' amashuri bafashijwe gusura inzibutso za Jenoside mu turere dutandukanye	Uturere, Amashuri
7.	Gukangurira ababyeyi gufata umwanya uhagije wo kuba hafi y'abana babo bakabaganiriza, babatoza uburere bwiza	<ul style="list-style-type: none"> Mu nama zitandukanye harimo inteko y'abaturage n' Umugoroba w' Ababyeyi, 	MIGEPROF/NCC, MINALOC, Abafatanyabikorwa



	ku ndangagaciro na kirazira	<p>baha umwanya uhagije abana babo bakaganirizwa, bagahabwa uburere, bagatozwa indangagaciro z'umuco ndetse bagatozwa kwirinda za "Kirazira"</p> <ul style="list-style-type: none"> • Ku buryo buhoraho, Inshuti z'Umuryango zikangurira ababyeyi guha agaciro ikiganiro bagirana n'abana babo 	
8.	Gushyiraho gahunda mbonezamikurire y'abana bato (ECD) no kuyikangurira ababyeyi bose	<ul style="list-style-type: none"> • Leta n'abafatanyabikorwa bakora ubukangurambaga mu muryango mugari bufasha ababyeyi kumva ibiza byimbonezamikurire y'abana bato; • Inama y' Abaminisitiri yateranye ku wa 04 Ukwakira 2017 yemeje gahunda y' Igihugu yihariye y' Imboneza mikurire (National ECD Program). 	MIGEPROF, Abafatanyabikorwa
9.	Kuganiriza abana ku mikurire n'imihindagurikire y'imibiru yabo hagamijwe gukumira ikibazo cyo gutwita kw'abangavu ndetse no guhana by'intangarugero ababatera inda n'ababahohotera	<p>Mu bukangurambaga ku miyoborere n'imibereho myiza bwa 2017 hateguwe ibikorwa bigamije gukangurira ababyeyi gukurikirana abana babo (abangavu), kumenyekanisha no guhana abasambanyije abana, gufasha abana batewe inda ndetse no kwigisha abana kwirinda ibishuko byabashora mu busambanyi n'izindi ngeso mbi.</p>	MINISITERI ZIKORA KU BIJYANYE N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE (Social Cluster)



10.	Gukumira ikibazo cy'abana b'inzererezi no guhana by'intangarugero ababyeyi bateshuka ku nshingano zo kurera	<ul style="list-style-type: none"> Ubukangurambaga kuri Radiyo na Televiziyo no mu miganda rusange busaba ababyeyi kurinda abana ubuzererezi bwarakozwe mu gihugu hose; Inyigo ku miterere y'ikibazo cy'abana b'inzererezi mu Rwanda no gukora ingamba zo gukumira ikibazo cy'abana b'inzererezi no gukora mu muhanda abawugezemo (NCC, 2017). 	MINALOC,NRS, MIGEPROF/NCC, Abafatanyabikorwa
11.	Guha abana bafite ubumuga baturuka mu miryango itishoboye ibikoresho bihagije byo kwiga, inyunganirangingo n'ibindi byose bakeneye	Leta n'abafatanyabikorwa bayo bafatanyije gutanga ibikoresho birimo amagare, inkoni z' abatabona, n' ibindi mu karere ka Rusizi, Kirehe, Ruhango n'ahandi.	MIGEPROF, NCC, Abafatanyabikorwa
12.	Gukangurira abandi bana kudata ishuri ngo bajye mu buzererezi cyangwa mu yindi myifatire n'imyitwarire mibi	Uturere n'abafatanyabikorwa bagira gahunda yo gufatanya n'Ihuriro ry'Abana mu bukangurambaga bukura bagenzi babo mu bibazo bitandukanye bahura nabyo (Rubavu, Bugesera...)	Uturere/ Ihuriro ry' Abana, abafatanyabikorwa
13.	Gukangurira abandi bana kubaha, kumvira ababyeyi/ abarezi, gushishoza no kutarrikira ibintu ahubwo bakanyurwa n'ibyo ababyeyi babahaye	Uturere n'Abafatanyabikorwa bahuza abana muri gahunda zo gusangira ubumenyi mu bijyanye n'ikinyabupfura ndetse n'imyitwarire iranga umwana warezwe neza	Uturere/Komite y' Ihuriro
14.	Gukangurira abandi bana kuba abanyarwanda beza gushyigikira no kurangwa n'indangagaciro na kirazira by' umuco nyarwanda	Muri gahunda y'Intore mu biruhuko ya 2017, abana bazagira uruhare mu kungurana ibitekerezo ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda	MINIYOUTH, Abafatanyabikorwa, Ihuriro ry' Abana



	kandi bafate n'ingamba zo kuzisigasira.	
--	--	--



Bwana Francois BISENGIMANA, Umuyobozi w' Ishami rishinzwe Ibijyanye no Kubera Umubyeyi Umwana Utabyaye, Kurengera no Guteza imbere Uburenganzira bw' Umwana muri Komisiyo y' Igihugu ishinzwe Abana



4.3. Ijambo ry'uhagarariye abafatanyabikorwa



Bwana Ted Maly, Uhagarariye UNICEF mu Rwanda

Uhagararariye abafatanyabikorwa yashimiye intambwe nziza u Rwanda rugezeho mu guteza imbere uburenganzira bw'abana n'ubufatanye bwiza bwa Leta y' u Rwanda n'abafatanyabikorwa bayo.

Yibukije ko iyi Nama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana ihuje n'uko hari kwizihizwa umunsi mpuzamahanga w' uburenganzira bw' umwana ubusanze wizihizwa ku wa 20 Ugushyingo buri mwaka. Yishimiye kwifatanya n'abana mu nama bitegurira ubwabo nk'uko Leta y'u Rwanda yabibemereye kandi ikabishyira mu bikorwa. Yifuriza abana kuyitangamo ibitekerezo byinshi byiza no gukuramo impanuro bazasangiza bagenzi babo basigaye aho baturutse.



4.4. Ijambo rya Nyakubahwa Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango



Nyakubahwa Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Madamu NYIRASAFARI Espérance

Nyakubahwa Minisitiri w' Uburinganire n' Iterambere ry' Umuryango unafite abana mu nshingano ze, yashimiye by' umwihariko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n' umufasha we, Madamu Jeannette KAGAME, nk' ababyeyi beza, baha umwanya munini n' agaciro abana b' Igihugu bigashimangirwa na gahunda nziza ziraho nko kuba buri mwaka batumira abana baturutse mu Gihugu hose bakabifuriza Noheri nziza gusoza umwaka no gutangira neza umwaka mushya anasaba ko ababyeyi bose babareberaho urwo rugero rwiza.

Yibukije abana kutazapfusha ubusa amahirwe bahawe anibutsa ababyeyi ko bafite inshingano zo kurera abana babo no gutanga uburere buboneye. Yaboneyeho guha ikaze umushyitsi mukuru Nyakubahwa Minisitiri w' Intebe kugira ngo ageze ku bitabiriye inama ijambo rikubiyemo impanuro yabageneye muri iyo nama.



4.5. Ijambo ry'umushyitsi mukuru



Nyakubaha Minisitiri w' Intebe Dr. NGIRENTE Eduard

Umushyitsi mukuru mu Nama Nkuru y'Igihugu ya 12 y'Abana yari Nyakubahwa Dr. NGIRENTE Eduard, Minisitiri w' Intebe. Mu ijambo rye, yatangiye ageza ku bitabiriye inama n' abana indamukanyo y' ababyeyi Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n' umufasha we ibifuriza kugira inama nziza, kugira ishya n' iherwe mu buzima bwabo abizeza ko Leta y' u Rwanda izakomeza gushyigikira ikintu cyose cyateza abana imbere. Yamenyesheje abitabiriye inama ko guha abana umwanya n' urubuga batangiramo ibitekerezo ari inshigano za Leta y' u Rwanda kandi itazatzukaho nk' uko bikubiye mu itegeko Nshinga rya Repulika y' u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 mu ngingo yaryo ya 19 iteganya kwita ku mwana by' umwihariko nk' uko bikubiye mu mategeko no mu masezerano mpuzamahanga.

Yabamenyesheje kandi ko bahisemo insanganyamatsiko nziza y' iyi nama ihuje n' icyerekezo Igihugu cyafashe cyo kwigira, kwihesha agaciro no kwigenera uko abanyarwanda bagomba kubaho no kwiyobora. Yasoje yibutsa abana inshingano zabo zirimo kubaha, kwirinda ibishuko, ibiyobyabwenge no kudaha agaciro ababayobya anibutsa ababyeyi ko uburere buboneye butangirwa mu muryango kandi ko ababyeyi bagomba guha abana umwanya wo kubatega amatwi anashimangira ko Leta yiteguye gufasha no gushyigikira ishyirwa mu bikorwa ry' imyanzuro iza gufatirwa muri iyi nama.



4.6. Ibiganiro byaranze Inama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana.



Abatanze ibiganiro mu Nama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana

Nk'uko bisanzwe bikorwa mu nama nkuru z'abana, Inama Nkuru ya 12 y'Abana yatanzwemo ibiganiro bitanu (5) bijyanye n'insanganyamatsiko y'Inama. Ibyo biganiro n'ababitante bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

#	Ikiganiro	Uwagitanze
1.	Uburyo bwo gutanga uburere buboneye n'akamaro kabyo mu kubaka umwana wifitiye icyizere	Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abana
2.	Uruhare rw'abarezi mu guteza imbere uburere bw'abana	Umunyamabanga wa Leta ushinzwe amashuri abanza n' ayisumbuye
3.	Imikoreshereze inoze y' ikoranabuhanga mu guteza imbere uburere buboneye	Umuyobozi Mukuru muri Minisiteri y' Ikoranabuhanga n' Itumanaho
4.	Uruhare rw' umwana mu kwimakaza uburere buboneye	Umwana watorewe kuba umunyamabanga w' Inama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana

5.	Uruhare rw' Inshuti z' Umuryango mu guteza imbere uburere buboneye mu muryango	Inshuti y' Umuryango mu Karere ka Rwamagana
----	--	---

4.7. Ibibazo abana babajije n' ibitekerezo batanze

Nk' uko bisanzwe, mu Nama Nkuru y' Igihugu y' Abana, hatangwa umwanya uhagije abana bakabaza uburyo ibibazo bikibangamira iyubahirizwa ry' uburenganzira bwabo mu Rwanda bikemurwa, hakanatangwa ibitekerezo by' uko byakemurwa neza kurushaho ndetse n' abayobozi bagasobanura icyerekezo cya Leta mu guteza imbere iyubahirizwa ry' uburenganzira bw' abana.



Umwana abaza ibibazo anatanga inama y' uko byakemurwa

6. IMYANZURO Y' INAMA NKURU Y'IGIHUGU YA 12 Y'ABANA (RECOMMENDATIONS OF THE 12TH NATIONAL CHILDREN'S SUMMIT)

Nyuma y'uko abana babajje ibibazo bakanahabwa ibisubizo n'abatanze ibiganiro ndetse n'abandi bayobozi bari bitabiriye inama, hafashwe imyanzuro cumi n'itanu (15) ikurikira:

Umwanzuro	Abazawushyira mu bikorwa
1.	Gushyira ingufu mu mashuri yigisha ubumenyingiro no gukangurira abanyeshuri kuyitabira kugira ngo bifashe abana n' urubyiruko kwihangira imirimo igihe bazaba bakuze
2.	Gushyira mu bikorwa amategeko ahana ababyeyi batuzuza inshingano zabo zo kwita ku burere bw'abana babo
3.	Gushyira ingufu mu ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'Imbonezamikurire y'abana bato (<i>ECD</i>) ikamenyekana kandi igafasha ababyeyi kumenya uko bita ku bana bato mu gihugu hose;
4.	Gukangurira ababyeyi kwishyira hamwe no kwishyiriraho ahantu bakorera gahunda z'imbonezamikurire y'abana bato aho batuye habegereye (Home-based <i>ECD</i>)
5.	Gukangurira abana kugira umuco w'isuku by'umwihariko ku mubiri, mu ngo n'ahandi hose
6.	Guhana by'intangarugero abasambanya abana, abakura abana mu ishuri n'ababakoresha imirimo mibi bikajyana n'itangwa ry'indishyi z'akababaro ku bana babikorewe
7.	Kugenera abana biga ibikoresho by' ikoranabuhanga bibafasha mu myigire kandi bijyanye n'ikigero cyabo hitabwa ku bana bafite ubumuga
8.	Gukangurira ababyeyi binyuze mu muganda kubera abana urugero rwiza birinda ubusinzi n' amakimbirane mu miryango
	MINEDUC WDA Uturere Abafatanyabikorwa
	MINJUST Uturere
	Gahunda y'Igihugu y'Imbonezamikurire y'Abana bato (NECDP) Uturere Abafatanyabikorwa
	Gahunda y'Igihugu y'Imbonezamikurire y'Abana bato (NECDP), Uturere Abafatanyabikorwa
	Uturere , abafatanyabikorwa
	MINJUST NPPA
	MITEC MINEDUC
	MINALOC Uturere, Abafatanyabikorwa



9.	Gushyira ingufu mu guha abana indyo yuzuye mu minsi 1000 hagamijwe kurwanya indwa z'imirire mibi no kugwingira kw'abana	MOH NECDP Uturere Abafatanyabikorwa
10.	Gukangurira ababyeyi binyuze mu mugoroba w'ababyeyi kuzuza inshingano zabo zo guha abana uburere buboneye no kwita ku myigire yabo.	NWC Uturere Abafatanyabikorwa
11.	Kongera ingufu muri Gahunda y'Intore mu biruhuko mu Gihugu hose kandi igatumirwamo by'umwihariko abagize Komite y'Ihuriro ry'Abana ku nzego zose bagafasha bagenzi babo kumva uruhare rwabo mu guharanira ubumwe, gukunda no kubaka Igihugu	MINIYOUTH NCC Akarere Abafatanyabikorwa
12.	Gukora ubukangurambaga ku burere buboneye mu nzego zose kandi buri rwego bireba rukamenyeshwa inshingano zarwo;	Uturere Abafatanyabikorwa
13.	Gukangurira abana kurangwa n'imyitwarire myiza, kubaha buri wese, gukunda Igihugu, gukunda ishuri no kwirinda kurivamo, gukunda umurimo no gufashanya	NCC/Komite z' Ihuriro ry' Abana Uturere Abafatanyabikorwa
14.	Gukangurira bagenzi babo kwirinda ibibashora mu ngeso mbi nk' ubusambanyi, ibiyobyabwenge, ubuzererezi, n'ibindi	NCC/Komite z' Ihuriro ry' Abana Uturere Abafatanyabikorwa
15.	Gukangurira abana kwirinda ibinyuzwa ku mbuga nkoranyambaga byangiza ubuzima bwabo no kwirinda gukoresha ikoranabuhanga mu buryo butokoza umuco nyarwanda	MINEDUC Uturere Abafatanyabikorwa

7. IGITARAMO CY' ABANA KU WA 07/12/2017

Nk'uko bimenyerewe, nyuma y'Inama Nkuru y'Igihugu y'Abana, ku gicamunsi hategurwa igitaramo kigamije gushimisha abana n'abitabiriye inama bose mu myidagaduro itandukanye yateguve n'abana ubwabo. Ni muri urwo rwego nyuma y'Inama Nkuru y'Igihugu ya 12 y', abitabiriye inama bakoze igitaramo cyabereye kuri "Petit Stade Amahoro".





Abana bagaragaje imbyino nyarwanda zimakaza uburere buboneye mu muryango

6.1. Ijambo ry' umushyitsi mukuru mu gitaramo cy' abana

Mu ijambo rifungura igitaramo, Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y' Uburinganire n' Iterambere ry' Umuryango, Madamu GATSINZI Nadine wari umushyitsi mukuru yashimiye abana kuba bitabiriye Inama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana, ibitekerezo byiza bayitanzemo ndetse n' impano bagaragaje mubihangano bamuritse. Yabamenyesheje ko ibihangano byahize ibindi biri buhembwe ariko n' ubwo hariibyahize ibindi bari buhembwe bose kuko ari abahanga. Yabifurije kwidagadura neza no kugira umugoroba w'ibyishimo.



Umunyamabanga uhoraho muri Minisiteri y' Uburinganire n' Iterambere ry' Umuryango Madamu UMUTONI GATSINZI Nadine

Nyuma yo gufungura igitaramo, abana bagaragaje impano zabo mu mbyino no mu mivugo maze bidagadurana n'abayobozi bitabiriye.

6.2. Guhemba ibihangano by' abana

Mu gitaramo habayeho guhemba ibihangano by'abana hakurikijwe uko Uturere twarushanyije. Buri Karere kagize igihembo kagenerwa bitewe n' uko kahize utundi kandi buri mwana agira icyo agenerwa ku giti cye nk' uko byari bikubiye mu mabwiriza yagengaga amarushanwa y' ibihangano. Ibi bihembo abana bakaba barabishyikirijwe n' abayobozi bo mu nzego zitandukanye bitabiriye iki gitaramo.



SSP Lynder wa Polisi y'Igihugu na Bwana Marcel wa "Save the Children" bashyikiriza abana ibihembo

6.3. Guhemba abanyamakuru banditse inkuru nziza ziteza imbere uburenganzira bw'abana

Nk' uko byari byateguwe n' abafatanyabikorwa ba Leta UNICEF, Save the Children na High Media Council, *igitaramo cy'abana cyaranzwe kandi* n' igikorwa cyo guhemba abanyamakuru bahize abandi mu kwandika inkuru kinyamwuga zishingiye ku kurengera no guteza imbere uburenganzira bw' abana.



Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y' Igihugu ishinwe Abana ashyikiriza umunyamakuru igihembo

6.4. Kwidagadurana n' umuhanzi

Nk' uko bimenerewe mu mwanya w' abana wo kwidagadura, abitabiriye igitaramo bishimana n' abahanzi baba batumiriwe gususurutsa abitabiriye igitaramo. Muri iki gitaramo abana bidagaduranye n' umuhanzi nyarwanda witwa **GATSINZI Emery** uzwi ku izina ry' ubuhanzi rya "**Riderman**".





Abana babyina banifotozanya n' umuhanzi Riderman

7. Umusozo

Inama Nkuru y' Igihugu ya 12 y'Abana yabaye ku wa 07 Ukuvoza i Kigali mu Ngoro y' Inteko ishinga Amategeko ku nsanganyamatsiko igira iti "**Uburerere buboneye: Inkingi yo kubaka u Rwanda twifusa**". Iyi nama yabanjirije n'inama ziyitegura zabaye kuva ku wa 21 kugera ku wa 24 Ugushyingo 2017 kuva ku rwego rw' Akarere kugera ku rwego rw' Umududugu.

Muri iyi nama nibwo bwa mbere hari hagaragayemo uhagarariye Inshuti z'Umuryango wamenyesheje abana bari bitabiriye inama uruhare rwabo mu kwimakaza uburerere buboneye mu miryango binyuze mu bujyanama baha ababyeyi n'ubuvugizi bakorera abana bafite ibibazo kurusha abandi.

Uretse ibikorwa byo guhemba abana bateguye ibihangano byahize ibindi mu gitaramo cy'abana, hagaragaye kandi igikorwa cyiza cyo guhemba n'abanyamakuru banditse inkuru ziha agaciro umwana kandi zubahirije inyungu ye y'ikirenga (*Best interest*) ndetse ziganisha ku ikemurwa ry'ibibazo

bikibangamira uburenganzira bw'umwana. Ibi byakozwe hagamijwe gushishikariza itangazamakuru kwandika inkuru ku burenganzira bw'umwana hubahirizwa ihame ry'inyungu y'ikirenga y'umwana n'ihame ryo kubaha ubuzima bwite bw'umwana (*Privacy*).

Muri rusange Inama Nkuru y' Igihugu ya 12 y' Abana yagenze neza ifatirwamo n'imyanzuro.

Bikorewe i Kigali ku wa 14 Gashyantare 2017



UMUGEREKA

URUTONDE RW' ABANA BITABIRIYE INAMA NKURU Y' IGIHUGU YA 12 Y' ABANA

UMUJYI WA KIGALI						
AKARERE KA GASABO						
#	Amazina Yombi	Umwanya	Urwego	Yavutse	Igitsina	Telefoni
1	NKURUNZIZA Ashley	Perezida	Akarere	2001	F	0788501927
2	BUSINGE Basile	Ahagarariye Abafite ubumuga	Akarere	2000	M	0788819670
3	UMUHIRE Sandrine	Perezida	Umurenge wa Rutunga	2001	M	0785383125
4	MIZERO Robert	Perezida	Umurenge wa Kacyiru	2000	M	0725340457
5	IZABAYO Innocent	Perezida	Umurenge wa Gikomero	2000	M	0786783946
6	HABINEZA Girbert	Perezida	Umurenge wa Kimihurura	2000	M	0784533361
7	GIRAMATA Sandra	Perezida	Umurenge wa Gisozi	2000	F	0788602211
8	UWASE CYIZERE Pauline	Perezida	Umurenge wa Jabana	2000	F	0723133713
9	RUDASINGWA Parfait	Perezida	Umurenge wa Bumbogo	2000	M	0788513655
10	HIRWA KARINDA Eroi	Perezida	Umurenge wa Jali	2005	F	0789785107
11	IRADUKUNDA Chantal	Perezida	Umurenge wa Kimironko	2000	F	0722776986
12	MUVUNYI Gentil	Perezida	Umurenge wa Remera	2000	F	0785383243
13	MBANZABIGWI Rachel	Perezida	Umurenge wa Nduba	2000	F	0788469594
14	ABIMANA Grace	Perezida	Umurenge wa Kinyinya	2000	F	0788585771
15	IYIZIRE Angel Coco	Perezida	Umurenge wa Rusororo	2001	F	0788596530
16	UWASE Joy	Perezida	Umurenge wa Ndera	2000	F	0788407158
17	KAREMERA SHYAKA Philbert	Perezida	Umurenge wa Gatsata	2000	F	0788635655
AKARERE KA KICUKIRO						
#	Amazina Yombi	Umwanya	Urwego	Yavutse	Igitsina	Telefoni
1	NDIZIHIWE Mireille	Perezida	Akarere	2000	F	0789286069
2	ISEZERANO Grace	Uhagarariye abafite ubumuga	Akarere	2002	F	0788749578
3	UMWARI ABIJURU Angela	Perezida	Umurenge wa Gahanga	1999	F	0728625636
4	UMUTONI Chanella	Perezida	Umurenge wa Masaka	2000	F	0788813326

5	UMWAMIKAZI Shalifa	Perezida	Umurenge wa Gatenga	2000	F	0788529814
6	BIZIMANA Samuel	Perezida	Umurenge wa Kanombe	2000	M	0725283817
7	MULIKANWA Belinda	Perezida	Umurenge wa Kigarama	2000	F	0788504044
8	NSANZURWINO J. Claude	Perezida	Umurenge wa Nyarugunga	1999	M	0788481909
9	NKILIYE IRASUBIZA Noela	Perezida	Umurenge wa Gikondo	2003	F	0783722715
10	MANZI Jochua	Perezida	Umurenge wa Kagarama	2002	M	0727754367
11	MUHORAKEYE Salma	Perezida	Umurenge wa Niboyi	2000	F	0788489991
12	IGIRANEZA Beulla	Perezida	Umurenge wa Kicukiro	2000	F	0788447986

AKARERE KA NYARUGENGE

#	Amazina Yombi	Umwanya	Urwego	Yavutse	Igitsina	Telefoni
1	GATETE Emmanuel	Perezida	Akarere	2000	M	0726675108
2	UWASE Noella	Uhagarariye abafite ubumuga	Akarere	2000	F	0781735007
